PARUWASI YA KINUNU: AMATSINDA Y'ABANA N'ABAREZI BABO BAKOREYE URUGENDO RUTAGATIFU I CONGO-NIL

Kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 11 Gicurasi 2019, abana n'abarezi babo 544 bakoreye urugendo rutagatifu i Congo-Nil. Saa yine zuzuye, abana baturutse muri Santrali ya Remera bahuriye nabo muri Santrali ya Syiki kuri chapelle y'iyi Santrali, maze bahagurukira rimwe kandi hamwe. Kuri iyi saha kandi, abana bo muri Santrali ya Murama bahagurukiye hafi y'Ikigo nderabuzima cya Musasa, maze bose bahata inzira ibirenge bagana Umurwa w'Umubyeyi w'Abakene i Congo-Nil.

Izi Ntama za Nyagasani zari ziherekejwe na: Placide NDAYISHIMIYE, Umufratri uri kwimenyereza ubutumwa muri Paruwasi ya Kinunu; Uhagarariye amatsinda y'abana ku rwego rwa Paruwasi, Alphonsine NYIRANKUNZURWANDA; Madamu Théodosie MUREKATETE, Uhagarariye amatsinda y'abana muri Santrali ya Syiki na Madamu Espérance NYIRANDAGIJIMANA, Uhagarariye amatsinda y'abana muri Santrali ya Murama.

Saa 13h00', nibwo abana ba mbere bari bakandagiye ku Murwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene, banyura ku Isoko igenewe amahanga yose n'abarwayi. Nyuma bajya kuramutsa Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene, mu Ngoro yamwubakiwe i Congo-Nil. Saa 16h00', abana bose n'abarezi babo bari bamaze gushyika, maze saa 17h20' bahurira imbere ya Kiliziya batangira urugendo rugana ku Musozi wa Kaluvariyo mu nzira y'umusaraba. Saa

19h00', inzira y'umusaraba irangiye, bose bamaze guhurira mu Kiliziya, nyuma yo guha ikaze abitabiriye uru rugendo rutagatifu, Maurice TWAGIRAYEZU, umufratri uri kwimenyereza ubutumwa muri Paruwasi ya Congo-Nil, yasangije abana n'abarezi babo amateka y'Ingoro ya Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene i Congo-Nil, ubutumwa Bikira Mariya, Umubyeyi w'abakene yatangiye i Banneux n'impamvu i Congo-Nil hakorerwa ingendo ntagatifu.

Ingoro ya Bikira Mariya

Isoko y'Umubyeyi w'abakene

Urugori rwa Bikira Mariya

Kiliziya ya Paruwasi Crête Congo-Nil

Inzira y'ububabare bwa Bikira Mariya



Myr Aloys BIGIRUMWAMI

Nyuma yo kuganiriza abana amateka y'Ingoro ya Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene i Congo-Nil, hakurikiyeho igitambo cya Misa cyatuwe na Padiri Modeste MURAGIJIMANA, Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Crête Congo-Nil. Amasomo matagatifu yakoreshejwe: **Intu 9, 31-42** na **Yh 6, 60-69.**

Bana dukunda, mwaje i Congo-Nil kuko hari icyo mukeneye!

Mu nyigisho ye, Padiri Modeste yabwiye abana ko baje ku Murwa w'Umubyeyi w'abakene kuko hari icyo bakeneye. Yagize ati: "Bana dukunda, mwaje i Congo-Nil kuko hari icyo mukeneye. Mukeneye kuba abana beza, mukeneye kuba abatagatifu, mukeneye gukora neza kandi mugatsinda, bamwe bakeneye kuzaba abasaseridoti cyangwa abiyeguriyimana, abandi kuzaba abapapa n'abamama beza, mukeneye gukura munogeye Imana n'abantu. Bana, ubisabye Umubyeyi w'abakene, arabihabwa iyo afite ukwemera.

Kristu akuzwe! Turi mu mwaka w'urukundo mu bikorwa cyane cyane iby'impuhwe, ndabizi, hari ibyo mwakoze, ariko hari n'ibyo mutarakora, musabe Umubyeyi w'abakene imbaraga kugira ngo muzabashe gushyira mu ngiro ibyo bikorwa by'impuhwe mutarakora. Umubyeyi w'abakene yumva isengesho ry'abana, kuko arabakunda cyane. Nimusabe Bikira Mariya icyo mukeneye. Ntimwisabire gusa, ahubwo musabire n'abandi (musabire ababyeyi banyu, musabire ababyeyi basinda, musabire ababyeyi batongana, musabire ababyeyi batoza abana babo urwango).

Bana, Kristu akuzwe! Abo muri busabire, hari abarazuka, ba bandi bapfuye bahagaze (abana batitabira amatsinda y'abana, abana badahabwa amasakaramentu, abana basuzugura, abana b'inzererezi). Nimugira abo musabira, barasubira mu nzira nziza, bagarukire Imana. Isengesho ryanyu Yezu araryumva, kuko n'inshuti y'abato. Icya nyuma nshaka kubabwira, nimukunde Yezu Kristu uri mu Ukaristiya, mumuhabwe kenshi kandi mwisukuye. Bana, igihe cyose mugiye kumuhabwa, mujye mugira muti: 'Nje kuguhabwa kugira ngo umbemo, najye nkubemo, maze nkore ugushaka kwawe.' Twese rero reka amagambo ya Petero tuyagire ayacu maze tubwire Yezu tuti : 'Twebwe twaremeye kandi tuzi ko uri intungane y'Imana".

Nyuma y'Igitambo cya Misa, hakurikiyeho indirimbo zitaramira Umubyeyi Bikira. Maze mu gihe gikwiye abana bararukuka, bitegura umunsi mukuru w'Icyumweru cy'Umushumba Mwiza.

Saa moya za mugitondo, abana bagiye mu Gitambo cya Misa, cyatuwe na Padiri Jean de la Croix NIZEYIMANA. Iyi Misa, kimwe n'iyo ku wa Gatandatu nimugoroba, zaririmbwe n'abana bo muri Santrali ya Murama, bafashijwe na bagenzi babo bo mu zindi Santrali, maze koko basenga kabiri, basingiza Nyagasani mu ndirimbo zatoranijwe kandi zigategurwa neza. Amasomo matagatifu yakoreshejwe kuri iki Cyumweru : **Intu 13, 14.43-52 ; Hish 7, 9.14b-17 na Yh 10, 27-30.** Inyigisho yatanzwe ni Ubutumwa Nyirubutungane Papa Fransisko yageneye umunsi mpuzamahanga wa 56 wo gusabira ihamagarwa ry'abiyeguririmana.

Nyuma ya Misa, abana n'abarezi bahuriye iruhande rw'Ingoro y'Umubyeyi w'abakene baganira umwanya muto. Nyuma yo kuganira, abitabiriye urugendo rutagatifu basubiranye i Kinunu ibyishimo n'umunezero nka ba bigishwa b'Emawusi basubiye i Yeruzalemu bihuta kandi basabwe n'ibyishimo byo guhura na Nyagasani Yezu.

Byanditswe na Placide NDAYISHIMIYE, Umufratri uri kwimenyereza ubutumwa muri Paruwasi y'Umutima Mutagatifu wa Yezu/Kinunu